

Published by The Creation Gospel**London, KY 40729**

Copyright © 2006 Hollisa Alewine

All rights reserved. This book may not be copied or reprinted for commercial gain or profit. No portion of this book may be reproduced, stored in a retrieval system, or transmitted in any form or by any means electronic, mechanical photocopy, recording, or any other except for brief quotations in printed reviews, without the prior permission of the Author and Publisher. Rights for publishing this book in other languages are contracted by The Creation Gospel Publishing.

All Scripture references are taken from the New American Standard Version 1995 update unless otherwise noted.

Distributed by:

The Creation Gospel

Alan and Dr. Hollisa Alewine

P.O. Box 846, East Bernstadt, KY USA 40729 USA

Orders May be Placed Through:

Kingdom Services

361 Kenny's Bend Lane

Carthage, TN 37030 USA

800-657-9820

For a seminar or teacher training at your location or for more information on updated workbooks and DVDs contact:

www.thecreationgospel.com

www.israelnet.tv

bigdaddy@israelnet.tv

UBUTUMWA

BW"IBYAREMWE

UMUGEREKA

2 ISOMO RIBANZIRIZA IRYA MBERE

4 UBUSOBANURO BW'AMAGAMBO

ISOMO RYA MBERE-Iminsi irindwi y'ibvaremwe

6 Imfatiro z'isi

8 Kubishyira mu bikorwa

10 Inzira ya Yeshua

11 Kubizigama-Ibibazo byo gutekerezaho cyane

12 ISOMO RYA KABIRI-Imyuka irindwi

UBUTUMWA BW'IBYAREMWE

Mbere y'urufatiro rw'isi

Imperuka ihera mu nkomoko

bere y'iremwa ry'isi isi yari umwuka. Imana itanga umwuka w'ubugingo. Hari ikibazo Mabafirozofe bibaza bati:"Imana Mwuka ni iki, kandi bakibaza bati : » Kuki yaremye isi". Nyuma y'isi hari umugabane umwe waremwe ubaho ibimera ndetse n'abantu. Isi yaremwe mu buryo busobanutse mu bishoboka buri kiremwa cyose gishya kikahagirira ubuzima bwiza. Abadafite ubumenyi buhagije ku birebana n'isi bazi ko isi ariyo yonyine yaturwaho n'ibinyabuzima mu mibumbe yose nta handi haturwa aho ari ho hose.

Imana yahisemo kuranga uku kuremwa kuri twe mu nyandiko za kera zo mu giheburayo aho bavuga Torah ikubiyemo ibitabo bya Mose aribyo: Itangiriro, (Bereishit), kuva (Shemot), Abalewi(Vayikra), Kubara (Bamidbar) no Gutegekwa kwa Kabiri(Devarim). Ibantu by'inyongera ku kuremwa kw'isi biboneka mu bahanuzi, Zaburi, n'inyandiko z'Isezerano Rishya. Tukabisanga mu gitago cya Bibiliya Yera. Mu gitabo cy'Itangiriro cyangwa Bareishit iyi nyandiko hagaragara ukuremwa k'umunsi umwe mu minsi irindwi. Iyo tuvuga buri munsi ibyo Imana yaremye biba ari ingirakamaro iyo twibanze ku kurema guhamye k'umunsi wihariye. Nuko kwandika guhamye kwa buri kuremwa k'umunsi, bigendanye n'umunsi wawo n'icyo

ibitabo by'ubutumwa bwiza bizashingiraho. Icyo umusomyi azabona n'uko Imana Mwuka, mbere na mbere yanditswe n'izina Elohimu mu Itangiriro, iyobora Umwuka wayo mu migambi yatekerejeho yo kuzana ibintu ikabirema mu bumwe hamwe n'umwuka wayo. Imyuka irindwi yariyaranahuwe kuva muri Yesaya 11 ni imyuka yo kurema hamwe n'Umwuka Wera.

Ibice by'ibitabo by'imyitozo bizayobora umusomyi mu gushyira imyuka irindwi kuri Mesiya mu minsi ihamye cyangwa kugira aho agarukira mu kumenya ibyo kuremw. Akimara kubona aho agarukira uwo mwuka uzakomeza gukora umuwuka ntuzazitirwa ngo utagira aho urenga, ahubwo ari mu bumwe bw'umwuka. Duhereye kuri ubu bumwe Isirayeli ikomora imvugo y'ukwizera ndetse n'amategeko makuru, "Umva Isiraheli we, Uwiteka Imana yawe ni Imana Imwe". Itegeko rya kabiri risa n'iryo, ari ryo ryo gukunda mugenzi wawe nkawe ubwawe. Nkuko imyuka irindwi ya Mesiya Yeshua (Yesu) ikorera hamwe mu bugingo bw'Umwizera ntikaze ikiyiranga nk'Umwuka w'Ubwenge cyangwa Umwuka w'Imbaraga ahubwo tukabona ubwiza buhebuje n'amahoro dufatanyije.

Abisirayeli bakiriye iminsi mikuru n'Isabato yera igihe bakiraga isezerano ry'iteka. Abanyeshuri biga Bibiliya bazi ko iminsi mikuru n'iminsi yera yabanje gushyirwaho kubw'isezerano kuri Isirayeli. Adamu, Kaini, na Abeli bari baziko ibihe by'iminsi mikuru, iminsi n'amasabato ya Elohimu kuko bari barashyizweho ku cyumweru cyo kurema. Nkuko umusomyi wiga iminsi mikuru yo kurema yavugururiwe Abisirayeli, bizagaragara neza ko umwuka urema na Elohimu ugikomeje kurema no kuvugurura isi bijyanye n'ibi bihe byerekanywe, maze rero usoma yatungurwa no kuvumbura ko icyaha cya Satani cyari icyo kwiyiringira we ubwe kuba hejuru y'ibi bihe, icyo yari agamije akaba ari umwuka wa antikristo. Kuva Yeshua ari We Jambo ryo kurema yaremye umubiri, arema ibihe by'iminsi mikuru, arema n'Umwuka We ukorera mu nzabya kugirango ukuze umuntu ukunze umuntu ku ruhande rwe. Ariko gukura k'umuryango, gukura kw'itorero, gukura mu ijambo ry'Imana no mu butumwa bwiza.

Umusomyi azasobanukirwa ko Yeshua n'intumwa ze baduhatira kurinda ibihe by'iminsi mikuru si ukubireka kuko Umwuka w'Imana ubakoreramo bikatugeza aho umusomyi azita cyane ko Umukiza wacu n'intumwa ze batwigisha kurinda iminsi mikuru yo kurema n'amasabato. Urugero kwigaragaza gufite imbaraga k'Umwuka w'Imana. Gusobanukirwa n'iminsi mikuru ya Yeshua bizategurira umutima gusobanukirwa umurimo udasanzwe w'Ibyahishuriwe Yohana werekeje ku matorero arindwi. Birasaba gusobanukirwa Imensi irindwi yo kurema imyuka irindwi y'Imana, n'Imensi irindwi ya Mesiya, usoma azagira ibikoresho bifatika byo gusobanura ubutumwa buheruka kuri ayo matorero arindwi. Muri ibyo bikoresho harimo inyandiko y'umuco, inyandiko y'umwuka, n'itegeko rifatika ryo kwandika kuzuye. Igisubizo ku mayoberane y'amatorero arindwi byahishwe amaso imyaka myinshi mu Itangiriro. Bigaragazwa neza mu Byanditswe. Abasoma bose bagomba kwizera ko Elohimu na We Wo kurema ni Umuremyi w'urukiryi n'imyuka irindwi y'Imana iri kuri We w'Umuremyi n'iminsi mikuru irindwi.

Icyitonderwa nuko urufungozo rwaba na none ibuye ibuye ryo gusitaraho. Duteganya ko mu byukuri gusobanukirwa Ubutumwa Bwiza bwa Yeshua no kurema ibirindurira ubwami bw'abantu mu mitima yacu no bitekerezo byacu. Niba tubona ubutumwa bwa Adonayi ku

muntu, ni uguhurizwa hamwe, gukomeza, bikubye, umugambi udahinduka w'ubuntu uruta cyane uwo gukwirakwiza, guhindura amategeko no kubaha umuntu, nyuma imirimo yacu myiza izaboneka nagaruka?

Niba tutarahaye agaciro ko Adonayi yashatse ko Umwuka We, uvugururirwa muri twe mu buryo bw'umwaka, na buri cyumweru biganisha kureba ibihe byerekanya, nta gitangaza cyaba kirimo ko umurimo w'Umwuka ari mugari utuzura ku isi muri iki gihe cya none. Abasoma bose aya magambo n'abiga ibyanditswe bakira Umwuka Wera na Adonayi, ubwenge, gusobanukirwa, Inama, Imbaraga, ubumenyi no guhishurirwa Adonayi.

Dr. Hollisa Alewine

IBYO ABANYESHURI BAGOMBA KWITAHO CYANE

1. *Ku banyeshuri bigira mu gitabo cy'Ubutumwa bwiza bwo Kurema, bamenyeko nta gisubizo gihamye ku bibabazo!*
Igitabo cy'ibibazo kigenewe itsinda rito ryiga kandi na none ibisubizo bihamye ntibiba byifuzwa mu mwanya wabyo,fata akanya ko kubaza Ibyanditswe ku byabonetse n'ibyasobanuwe. Ibibazo bimwe na bimwe bitangwa nko kuzigama ibikoresho bizakurikiraho ni ukubaza ubuhanga bwa Bibiliya Yeshua,abahanuzi, n'intumwa kugirangoabantu batange ibitekerezo. Niba ibisubizo bitaje mu buryo bworoshye, bahindukire nyuma buzuze igitabo cy'imyitozo.Abahugura nabo barahari kugirango bagufashe ku bibazo n'ibirebana n'ibikoresho. Mubanze rero muhabwe ubaha amahugurwa ku butumwa bwiza burema mu karere kanyu.
2. *Mu Byanditswe mu giheburayo imibare ntiboneka neza,ishobora gukora nk'ibimenyetso, ifite agaciro nyako gafatira ku yandi magambo y'agaciro kamwe nayo ubundi buhanuzi. Mubyanditswe,icyagenderewe cyane ni ugutanga imibare y'imyaka umwami yamaze ku ngoma cyangwa sogokuruza yaramye,umubare w'iminsi uri mu kaziga usobanura ibyabayeho cyangwa umubare w'imyaka irebana n'amategeko teka y'ubuhanuzi.Mu gihe urufatiro rw'Ubutumwa Bwiza rwubatse hejuru y'inkingi zirindwi z'ubwenge, mu bushishizi iminsi ighumbi igereranywa n'umunsi umwe, iminsi ibiri nayo bigakomeza bityo. Kwiga ubusobanuro bw'imibare y'Ibyanditswe ntibyakwitiranywa no kwiga amayobera y'ubugeni. Ibyanditswe bitanga ubusobanuro bufatika.*
3. *Gerageza kwiga amazina y'igiheburayo y'iminsi mikuru nkuko byatanzwe mbere yuko wiga isomo rya gatatu. Igiheburayo gisobanuye kizakingura imyumvire yawe mishya,nko kumenya Yesu nka Yeshua bisobanura ko ari We gakiza.*

URUTONDE RW'UBUSOBANURO BW'AMAGAMBO

Adonayi – Umwami

Alohimu : Izina rya mbere ry'Imana rikoreshwa mu Byanditswe. Ni izina rihuzwa n'ukurema.

Chag Hamatzah: iminsi mukuru y'imitsima idasembuye

Pesach : Umunsi mukuru wa Pasika (wo kunyuraho)

Ruach Hakodesh : Umwuka wera cyangwa Umuyaga Wera

Sabbath : Umunsi wa karindwi wo kurema wahinduwe mu cyongereza nka suturday naho twe mu Kinyarwanda ni umunsi wa karindwi ari wo Sabato bamwe bawita kuwa gatandatu,ubanziriza ku cyumweru.

Shavuot: Umunsi mukuru w'ibyumweru, Pentekote, gutanga Torah (Bibiliya, amategeko) ku musozi Sinayi.

Sukkot: Umunsi mukuru w'ihema ry'ibonaniro

Tanakh: Mu isezerano rya kera ni amategeko(Torah) Neviim,Ketuvim, cyangwa amategeko, ubuhanuzi n'ibyanditswe mu bice bya kera bya Bibiliya y'igiheburayo. Ibitabo bya Tanakh ni bimwe usibye ko bidatondetse nk'ibyo muri Bibiliya y'abakristo.

Torah- Ibitabo bya mbere bitanu bya Bibiliya byumvikanye nabi nk'amategeko “ mu kubisobanura mu cyongereza Torah ni ukwigisha abantu Imana ndetse n'amabwiriza ya Yo. Harimo nk'imitwe y'inyigisho z'ubumenyi(sciences),amateka,imikorere y'abatambyi,amategeko agenga abantu, amabwiriza, ubuzima, ubuhinzi,amategeko y'Imana ku bantu, ubuhanuzi,amasengesho,ubworozi bw'amatungo,ubwubatsi,ubutegetsi n'ibindi byinshi. Imvano y'ijambo Torah ituruka ku ijambo Yarah rivuga kugera ku ntego. Na none Toraha rikoreshwa n'Abayuda ba Mesiya, barebeye kuri Bibiliya yose guhera mu itangiriro kugera mu Byahishuriwe Yohana kuko Torah ari urufatiro rw'Ibyanditswe byose. Zaburi yigisha ikintu kimwe cyo gukunda nkuko umwami Dawidi yayikunze.Ibyanditswe bitwereka ingaruka zo kureka Torah mu busobanuro bwayo bwuzuye. Tubona ingaruka zo kureka Yeshua, Mesiya n'ibindi by'Isezerano Rishya byandika kuri Tanakh.


Yeshua : Izina Yesu mu giheburayo risobanura agakiza

Yom habikikurim: Umuganura

Yom Kippur(im): Umunsi wihongerero

Yom Teruah: Umunsi wo kuvuza amahembe,umunsi mukuru w'amahembe, cyangwa Rash Hashanah.

UBUTUMWA BW'IBYAREMWE



©2006 Dr. Hollis Alewine. All rights reserved. No part of this illustration may be reproduced or transmitted in any form or by any means, digital, electronic or mechanical, including photocopying, recording, scanning, or by any information storage and retrieval system, without permission in writing from the Publisher.

ISOMO RYA 1

Iminsi irindwi yo kurema

6. Urufatiro rw'Isi

8. Kubikora

10. Inzira ya Yeshua

11. Kuzigama – Ibibazo bitwigisha imbere

IMINSI IRINDWI YO KUREMA

Itangiro: Urufatiro rw'Isi

Byaba bisa n'iby'abana kwiga uko byakurikiranye igihe Imana yaremaga isi. Nyuma yabyo Imana ibona ni byiza. Nyamara abizera bashyushywa umutwe n'ibiganiro birebana nuko hagiye habaho iterambere, urutonde rw'ibyaremwe mu bice bya mbere by'itangiro rwemerwa nk'ihame. Gusobanukirwa ibibuzwa ndetse n'ngororano ku matorero arindwi yo mu Byahishuwe uko byamera kose ni ingenzi kandi ntibibujije ku menya akantu ku kandi, urutonde rw'ibyo Imana yaremye buri munsi. Umwaka w'imbabazi wa adonayi wari wanditswe rimwe mu minsi yo kurema. Abakiranutsi bazuwe kuri umwe kuri iyi minsi. Ibantu byose byashyizweho kandi bitangazwa mu butumwa bwiza mu cyumweru cyo kurema. Urutonde rwo kurema rwabayeho kandi ruriho ruteye gutya :

Umunsi wa mbere Elohimu yagendaga hejuru y'ubusabusa bw'umwijima, hatagira ishusho, Imana iravuga ngo habeho umucyo, umucyo ubaho. Imana ibona ko umucyo ari mwiza ubaho, Imana yita umucyo amanywa, Imana yita umwijima ijoro. Igitondo n'umugoroba bishyirwaho ngo bireme igihe cyitwa umunsi.

Itangiro 1 :1-5, mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi. Isi itagira ishusho, yariho ubusa busa, umwijima wari hejuru y'umuhengeri umwuka w'Imana yagendaga hejuru y'amazi Imana iravuga iti « habeho umucyo, umucyo ubaho' Imana ibonako umucyo ari mwiza Imana itandukanya umucyo n'umwijima . Imana yita umucyo amanywa, umwijima iwita ijoro.

Umunsi wa Kabiri Elohimu atandukanya cyangwa agabanya Mayim, amazi y'imisozi cyangwa amazi yo mu ijuru , Shemajimu ni amazi yo ku isi.

Itangiro 1 :6-8 Imana iravuga iti ‘Habeho isanzure hagati y'amazi rigabanya amazi n'andi mazi. Imana irema iryo sanzure igabanya amazi yo mu isi y'isanzure n'ayo hejuru yaryo biba bityo.Imana yita iryo sanzure ijuru buragoroba buracya uwo ni umunsi wa kabiri.

Iga amagambo :Itangiro 1 :1-2 :3

Zaburi 104 :30

Umunsi waw a Gatatu : Elohimu ateranya kandi atandukanya amazi yo ku isi kugirango ahumutse haboneke,irema amazi afutse n'uburyo bufasha ibimera gukura no kwera ibimera,ubwatsi butangira gukura hakurikijwe ubwoko bwabyo ibyo Imana ibona ko ari byiza.

Itangiro 1 :9-13 Imana iravuga iti «Amazi yo munsi y'ijuru nateranire hamwe, haboneke ahumutse biba bityo.Imana yita ahumutse ubutaka,iteraniro ry'amazi iryita inyanja. Imana ibonako ari byiza. Imana iravuga iti “ubutaka bumere ubwatsi n'ibimera byera imbuka zikwiriye amako yabyo.Imana ibona ko ari byiza buragoroba buracya, uwo ni umunsi umunsi wa gatatu.

Umunsi wa akane Elohimu arema izuba,ukwezi n'inyenyeri mu buryo bwihariye ngo bitegeke amanywa n'ijoro biva,ndetse n'ibimenyetso by'ibihe cyangwa,cyangwa modim :iri ni ijambo riboneke ku munsi mukuru mu byanditswe by'igiheburayo.Iyi minsi mikuru nka Pasika cyangwa ihema ry'ibonaniro ntiyashyizwe mu byanditswe Zaburi 104:19 yabivuze neza yashyiriweho ukwezi kumenyekanisha ibihe,izuba rizi igithe rirengera niyo mpamvu ibyanditswe bitwigisha kubara indangaminsi yacu dukoresha uburyo ukwezi kugenda kuboneka. Rimwe na rimwe bitera ibibazo kuko izuba rigenga imyaka naho ukwezi kukagenga amezi.

Umunsi wa gatatu ikibazo : Ni iyihe nshinga iranga igikorwa cyo kurema hejuru y'amazi?

Igiti mu giheburayo ni ety. Ni iyihe myitwarire ya etzim (ubwinshi n'ibindi bimera) ?

Nimuganire ukuntu urubuto rwabaho iteka ?

(Umunsi wakane):Reba mu mirongo 14-19 werekane inshinga zashyizwe hamwe zivuga ku zuba n'ukwezi..

Itangiriro 1:14-19 Imana ravuga iti “mu isanzure ry’ijuru habeho ibiba bitandukanya amanywa n’ijoro, birebereho kuba ibimenyetso no kwerekana ibihe n’iminsi n’imyaka, bibereho kumurikira mu isanzure kugirango bimurikre isi, biba bityo. Imana irema ibiva bibiri binini, ikiva kinini cyo gutegeka amanywa n’igito cyo gutegeka ijoro, irema n’inyenyeli. Imana ibishyira mu isanzure ry’ijuru kugirango bivire isi kandi bitegeke amanywa n’ijoro bitandukanye amanywa n’ijoro.Bitandukanye umucyo n’umwijima.

Imana ibonako ari byiza, buragoroba buracya ibonako ari umunsi wa kane. Umunsi wa gatanu Elohimu arema ibiguruka n’ibyigenza mu mazi nkuko amoko yabyo ari naho imbuto zinyanyagirira naho haba kure n’ubwo igiti kitazihagusha umuyaga wazihagusha.

Uku kunyanyagizwa kw’imbuto gutegura kugaburira ibiremwa byo ku butaka kwaje nyuma.Ijambo izane mu hiheburayo ni sharatz bisobanura ngo ibiyigendamo cyanngwa biyigendemo ari byinshi.Umuzi w’ijambo rutz, ntiryakumvikanisha ubusobanuro neza.

Itangiriro 1:20-23 Imana iravuga iti “Amazi yuzuremo ibyigenza byinshi cyane bifite ubugingo kandi inyuni n’ibisiga biguruke mu isanzure ry’ijuru. Imana irema ibifi binini byo mu Nyanja n’ibantu byose byigenza bifite ubugingo,amazi yose biyuzuramo nkuko amoko yabyo ari.Imana ibona ko ari byiza buragoroba buracya ni umunsi wa gatanu.

Umunsi wa gatandatu Elohimu arema inyamaswa zo ku isi na Adamu mu giheburayo ni Umuntu. Mu byo Adamu yari aremyemo Imana ikuramo umugore ufite umubiri n’amagufwa

Itangiriro 1: 24 -27 Imana iravuga iti isi izane ibifite ubugingo, amatungo n’ibikururuka nkuko amoko yabyo ari n’inyamaswa zose zo mu isi nkuko amoko yazo ari n’a matungo nkuko amoko yayo ari n’ibantu byose bikururuka hasi nkuko amoko yabyo ari Imana ibona ko ari byiza. Imana iravuga iti tureme umuntu tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu

Nyanja n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere n'amatungo n'isi yose n'igikururuka hasi cyose. Imana irema umuntu mu ishusho yayo ni ko yaremye umugabo n'umugogore niko yamuremye.

Umunsi wa gatanu, ikibazo.

Ni iki ibiremwa byo mu Nyanja n'ibigurukabihuriyeho muri rusange?

Ni gute icyo bihuriyeho kibifasha kororoka.

Fly : "Ikarita iranga igihugu" Mata 2004

Ikibaya cy'inyanja ituje.

Shaka indi raporo ya Adam no ku iremwa rya Eva mu itangiriro 2.

Ni ikihe cyiguzi byasabye Adamu ngo habeho ikindi kiremwe kimeze nkawe?

Ikindi kiruta isano yacu n'umuremyi wacu ni ikihe cyifuzo gikuru cy'ingenzi cy'ubumuntu bwa Adam?

Umunsi wa karindwi, Elohimu yashyizeho umunsi wo kuruhuka n'imyaka irindwi ya Adonai, imyuka irindwi ya Mesiya uyu munsi ushyirwaho ukuwe mu minsi y'imirimo kandi ishyiraho umunsi w'icyitegererero wa Sabato, cyangwa umunsi w'ikiruhuko wa Sabato. Adamu atumirwa kuruhuka kuri uyu munsi w'Isabato ya mbere hamwe n'umuremyi we. Nubwo Adamu ntacyo yari yakoze. Nk'ishusho ya mbere y'umurimo wa mbere wa Mesiya. Umuntu aruhuka ku munsi w'umurimo w'umuremyi we n'umukiza we kandi agomba gusobanukirwa ko nta ruhare yabigizemo muri uko kuremwa . Mu minsi yakurikiyeho Adamu yise inyamaswa amazina no kwagura ingobyi ya Edeni. Isabato rero yashyiriweho umuntu ntacyo yari kongeraho akiremye bushya. Ubwo ni umurimo w'Imana yonyine.

Itangiriro 2:1-3, ijuru n'isi n'ibirimo byose birangira kuremwa ku munsi wa karindwi Imana irangiza imirimo yakoze. Imana yaruhutse ku munsi wa karindwi imana uyu munsi iwuga umugisha, iraweza kuko ariwo Imana yaruhukiyeho imirimo yakoze yose.

Umunsi wose wahumetswe n'Umwuka wera wa Elohimu kandi urezwa (uwera cyangwa kodesh bisobanura kweza) kuzuza intego zayo z'umwihariko, ni uwuhe munsi Eloyimu yita uwera.

Iyi minsi irindwi yo kuremwa nti yari iyimirimo ya mbere y'imibiri, ahubwo imirimo y'umwuka wo kurema imbibi z'umubiri n'ibindi bikoreshwa kurema.

KUBISHYIRA MU BIKORWA

Kurema byigishijwe n'Umwuka wa Adonai, isi ntiyari ifite ishusho yariho ubusa busa, ahantu hari amazi, igisubizo cyavuzwe na Jambo.Jambo yazanye ikintu agikuye hanze mu busa kibaho,maze haremwa buri kintu mu mwanya wa cyo kiremwa n'umwuka wihamiye wo kuri uwo munsi wo kurema. Uwo mwuka wari mu buryo bwa Jambo wavuzwe.

Ahandi twibutswa ko Jambo wa Elohimu ari umwuka kandi afite imbaraga zo guhamya kurema kwe.Inzandiko za Pawulo zitwibutsa ko Jambo w'Imana afite imbaraga zo kutugundira, twe turi ibiremwa gusa zagenewe kuba inzabya mu buryo bwihariye mu ishusho y'Imana. Kuva kera Imana n'Umwuka,urwabya rufatika twafatiraho icyitegererezo ni Umwuka w'Imana kandi ni twe twentyine mu byaremwe dushobora kuvuga no kwandika dusobanura amagambo y'Umwuka w'Imana urema.Umuntu yaremwe nk'urwabya rufatika iyi myuka irindwi ivugwa yo kurema,kubera iyi mpamvu yaremwe nyuma kugira ngo avuge Jambo urema. Nyuma ye kandi atware inyanja ikirere n'isi abikoresheje imyuka ya Elohimu.

Kubera ko Adamu yariye ibyo kurya yari abujjwe,urwabya rwe rufatika rwaranduye biturutse ku kwigomeka ku Mana ingaruka y'iki cyaha ni urupfu kandi yarabaga mu ngombyi ya Edeni aza kuyanduza akurwa muri iyo ngombyi.Icyi cyitwa urupfu kikanagera ku rubyaro rwe na bo b'inzabya zihumanye.

Ukwigomeka ku mbibi z'imyuka irindwi yo kurema mu buryo bw'icyaha kandi ukwandura kwangiza ubwiza bwo bw'ukurema bitera ubuza karemano.Mu kurema kuboneye ibi biza byaba byarabaye ibitari kamere.Mu kurema kwaraguye,ibi rwose ni ibiza keremano ukwavuye muri ibyo ni ugutegeka biturutse kuri za nzabya zitejejwe.Intumwa Paulo ibisobanura itya "Ubushobozi bwa mutu bwo kubumbatira ubwiza bw'isi karemano igihe cyose yihitiramo icyaha,cyangwa kamere,abirenza Umwuka w'Imana ugomba gukora muri rwa rwabya rw'umubiri.Abakirisitu badafashije na bo bareba ku myitwarire nk'iyi bakaba abanyamubiri.Ibi rero byayobya umuntu utari kumwe n'abavugabutumwa b'abakirisitu.Ese twese ntitwaba turi abanyamubiri? Imvugo iteye itya yatandukanya ab'ubutumwa bwiza n'abamenya byinshi ku birebana n'inzabya za kamere bahatwa n'Umwuka Wera n'imyuka ya Satani.

Mikveh ni ikidendezi cy'amazi bogerezamo ibintu n'abantu bakiyuhagiriramo bakezwa iyo barimo mu bwami bw'urupfu akaba ari ho abakirisitu bafatira kuri mikveh iyo babatizwa.

Iyi mirimo ishobora kubera ba nyirayo myiza cyane ku myuka irindwi y'Imana iyo duhisemo ko tuberanye n'inyigisho ze zo kuyobora Umwuka we ku isi ngo abizitire.Si ikintu kibi kuba uwa kamere kuko bisobanura ko tukiri bazima.Ni ikintu kibi kuba muri kamere iyo tutaberanye n'umwuka urema wa Elohimu ni ikintu cyiza kuba muri kamere kuko byamerera umwuka urema wa Elohimu kuzana ubugingo n'umucyo ku isi.

Mu minsi mike hari abakiranutsi bake ba Adonayi yakoresheje ku isi basigara ku mbibi z'imyuka irindwi yo kurema kuko yagombye kweza isi akoresheje Mikveh ahera ku bakiranutsi bake b'abagabo n'abagore.Kwica amategeko, urwango,kwiba no kurenganya abakene birwanya cyane imyuka irindwi yaremye isi.

Iyi minsi irindwi yo kurema si yo mirimo ya mbere y'umubiri,ahubwo imirimo y'umwuka irema imbuto z'umubiri by'umwihariko urwabya rw'umuntu, umwuka aragenda iyo umuntu agundiye isi uko iteye.Iyo umwuka wa Adonayi ukomeza kuba kuri Adamu(warimo Eva) bari kurema byuzuye. Iyi ni ishusho ya Mesiya.Umwuka wa Adonayi uguma kuri Mesiya kuko ari Itangiriro

ry'ibaremwe byose,kuri we hahora imyuka irindwi yo kurema Mesiya wuzuye imirimo ya Adonayi.Mu Baheburayo aya mahoro asobanura, Shalom.

Shalom ntibisobanura gusa kuguma,ahubwo ni ukuzuza no kuzuriza.Nuach, aho izina rya Nowa ryaturutse,ni ukubiranga neza mu Giheburayo gifatika no gusigarana amarangamutima.Shalom ni ugusigarana amahoro kandi bikubiyemo umurimo mwiza w'imyuka irindwi yo kurema.Ku bw'iyi mpamvu, indamutso y'ibanze ya buri munsi w'isabato ni 'Shabbay Shalom!"

Umurimo wose w'Umwuka wuzurira muri Mesiya,nta muntu wawufatira umwenda,kunda Adamu wa mbere yafashe umwenda wa buri munsi yaruuhukagaho.Kwikorera umurimo byakozwe ku isabato bihakana umurimo w'umwuka wa Mesiya noneho ukohereza ikimenyetso mu ijuru ko dukunda umurimo w'intoki zacu bwite, imirimo ya kamere,ku mirimo y'Umwuka.Ibantu bishygikira ubugingo ku isabato byerekeza ku kiruhuko cy'umwuka kubwo kurema kwaguye byaba bikubiyemo gukira cyangwa kuvura abarwayi no kubitaho,kwikubira n'ibyo mu butaka.

Yeshua yari ahari igihe cyo kurema kandi kandi ni imfura yo kurema hose kwabayeho.Yeshua ni Itangiriro ryo mu itangiriro.

Ibyahishuwe 3:14: Wandikire malayika w'itorero ry'i Lowadikiya uti "Uwiyyita Amen,umugabo Wo guhamya kandi ukiranuka w'Ukuri inkomoko y'ibyo Imana yaremye".


Yahana 1:1-3 :Mbere na mbere hariho Jambo,Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi Jambo yari Imana,Uwo yahoranye n'Imana mbere na mbere.Ibantu byose ni We wabiremye,ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na We.

Abakorosayi 1:15 Ni na We shusho y'Imana itaboneka ni na We mfura mu byaremwe byose.

Gusobanukirwa icyumweru cy'ibaremwe ko umugambi wose w'agakiza no gucungurwa k'umuntu kwa Mesiya Yeshua kwashyizwe muri iki cyumweru gisa n'umuhandwa w'inzira ndwi, cyangwa mu Giheburayo Derek.

Derek mu Giheburayo bisobanura inzira cyangwa akayira,tugomba kugendera munzira kugira ngo tugendere mu myuka irindwi y'Imana,dushygikire Data ndetse tubone ibyo Data adusaba. Iyi ni inkomoko yo gusobanukirwa kugendera mu mwuka icyo ari cyo.

INZIRA YA MESIYA YESHUA



ISOMO RYA 2

Umwuka w'Ubwenge

Umwuka wo kumenya

Umwuka w'ubujyanama

Umwuka wa Adonayi

Gucengera mu mwuka wa Adonayi

Umwuka w'imbaraga

Umwuka w'ubukuru bwa Adonayi

UBUTUMWA BW'IBYAREMWE

KUBAKA UBUMENYI

Ibibazo byo gutekerezaho

1. Ahari iyo Mesiya yeza isi ho ibyaha,imyaka yari kuza mu murongo n'amezi. Ku rundi ruhande niba Adonayi yarashatse ko biba mu murongo umwe yaba yarifuje gutandukanya ibiva.Nyuma ya byose habayeho icyakomotsweho n'umucyo kuva ku munsi wa mbere.Ni iki ubitekerezaho?

2. Ibyahishuriwe Yohana bivugako mu murwa wera,nta kwezi,nta zuba bizava ukundi kubera ko kuboneka kwa Adonayi ari umucyo wawo,amezi azamenyekana n'impinduka zindi zabaho.

Ibyahishuwe 22:1:Anyereka uruzi rw'amazi y'ubugingo rubonerana nk'isarabwayi ruva ku ntebe y'Imana n'umwana w'Intama, rutembera mu nzira nyabagendwa hagati.Hakurya no hakuno y'urwo ruzi, hariho igitu cy'ubugingo cyera imbuto z'uburyo cumi na bubiri;cyera imbuto z'uburyo bumwe uko ukwezi gutashye. Ibibabi byacyo byari ibyo gukiza amahanga.Ibiti byo mu ijuru bizamenya ihindagurika ry'amezi ariko ni gute amahanga azamenya moedim(ibihe)?

3.Subiramo,Itangiriro 1:17,inshamake y'umunsi wa kane wo kurema ni uko imico y'izuba,ukwezi n'inyenyeri byaremwe kugira ngo:

- a) Bitange umucyo ku isi
- b) Bitegeke amanywa n'ijoro
- c) Bitandukanye umucyo n'umwijima

Ni gute inshamake y'umurongo wa 17 y'umunsi wa kane isa n'umunsi wa mbere, murongo wa gatatu?

4.Reba umurimo w'umunsi wa kane nk'ihame riyobora kurema.Werekane ku gitereke cy'itabaza /Memorah/ ntiwibagirwe koturi guteganya.

Iri hame riyobora ritegeka ibihe bibiri n'iminsi mikuru,ni moedim ibihe).Hari iminsi mikuru itatu abisirayeli bagombaga kuzamuka bajya;Yerusalem mu kuramya Imana. Pesach (Pasika),Shavuot(Pentekote),na Sukkot(iminsi mikuru y'ingando) iyi ni iminsi mikuru ya mbere, ya kane, n'iya karindwi, moedin (ibihe).Menya ko iyi minsi itatu ijyana n'inshamake yo mu itangiriro

1:17

| Pasika | Shavuot (Pentekote) | SUKKOT (Umunsi mukuru w'ingando) |
|--|---|---|
| <ul style="list-style-type: none"> • itanga umucyo ku isi | <ul style="list-style-type: none"> • Itegeka amanywa n'ijoro | <ul style="list-style-type: none"> • Utandukanya umucyo n'umwijima |

- A. *Mu nyandiko y'iminsi yo kurema,ni iyihe minsi yakozweho imirimmo?*
Ni uwuhe munsi usaba ikiruhuko n'umucyo?
- B. *Soma Yohana 5 n'Abaheburayo 4 :1-10 muri iyi mirongo tuvuze ni uwuhe munsi mukuru uteganywa barebera muri Yohana 5 :1*
- C. *Vuga ukuntu gukira indwara ubu byubaha ubutumwa bw'ibyaremwe bishingiye ku isabato n'ijambo Shalom*

IMYUKA IRINDWI Y'IMANA

Itabaza ry'izahabu,cyangwa menorah ry'ihema ry'ibonaniro rya Isirayeli ryari rifite ibantu byinshi by'ingenzi,icya mbere ryari igice cya zahabu itunganyijwe, gisobanura ukutaganywa n'iteka.Ibi byibutsaga abatambyi bakoraga umurimo muri icyo mu gitondo n'umugoroba ko ari inshingano y'umuntu kuba urwabya rukiranuka rw'emyuka irindwi ya Elohimu ku isi ibihe byose.Itabaza ryahoraga ryaka kugira ngo rirwanye imbaraga z'umwijima.Kutagabanywamo ibice kw'itabaza byari ikimenyetso cy'ubumwe bw'Umwuka Wera.

Imyuka irindwi ya Adonayi ntitandukanye n'Umwuka Wera.Kuvangura imyuka byaganisha ku byaha byo gusenga ibishushanyo,byumwihariko aho abantu bakura umwuka w'imbaraga kuruta umwuka wo kumenya.Itandukaniro ku byaremwe buri gihe riganisha ku bumwe mu Mwuka wera umwe.Amashami ya Menorah yerekanye ko ubushobozi bw'Umwuka Wera wo kwera imbuto mu byaremwe ;imbuto z'Umwuka Wera.Kubera ko Adamu yari yararemanywe ishusho y'Umwuka w'Umuremyi,Adonayi n'umuntu basangira itabaza rikorera mu muntu.

Imigani 20 :27,Umwuka w'umuntu ni urumuri yahawe n'Uwiteka rusesengura ibihishwe mu mutima.

Ibikoze ihema ry'ibonaniro ni kimwe mu bimenyestso byinshi Adonayi akoresha kuzana amabwiriza y'imyuka irindwi ye. Ku rundi ruhande akoresha amaso,iminsi,amazi,umuriro n'ibindi.

Iyahishuwe 5 :6,nuko mbona hagati yaya ntebe na bya bizima bine no hagati ya babakuru, umwana w'intama ahagaze usa n'uwatambwe, afite amahembe arindwi ariyo myuka y'Imana itumwa kujya mu isi yose. Na none Umwuka urarangwa nk'amaso.

Zakariya 4 :6 Aransubiza ati « Ijambo Uwiteka atumye kuri Zerubabeli ngiri ati "Si ku bw'amaboko kandi si kubw'imbaraga ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye.Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.

Amaso y'ikiremwa muntu yareba ahantu hanini ku cyo itabaza ry'Imana ryemerewe gutangaho umucyo n'iyerekwa ry'Umwuka.Kuko ibyanditswe biranga ibikorwa by'imyaka yashize y'umutambyi mukuru Eli igithe yari amaze guhuma maze mu ihema ry'ibonaniro hakajya hakorerwa ibintu bibi maze akanga gucyaha abana be yibyariye bari bafite uruhare mu guhumanya ibiro by'ubutambyi.

1 Samuel 3 :1-4 Uwo mwana Samuel yakoreraga Uwiteka imbere ya Eli.Kandi muri iyo mins ijambo ry'Imana ryari ingume,nta kwerekwa kwari kweruye. Icyo gihe Eli yari atangiye guhuma, atakibona, bukeye mu maryama ajya ku buririri bwe,itara ry'Imana ryari ritarazima kandi Samuel yari aryamye mu rusengeri rw'Uwiteka aho isanduku y'Imana yabaga. Maze Uwiteka ahamagara Samuel nawe ati «Karame ».

Iyerekwa ryo gukora imirimo y'ubutambyi ni isoko y'Umwuka,Umwuka wa Eli wari warakuranye intge nke kandi wari uri hafi kumuvamo.Amayerekwa cyangwa amahishurirwa y'Umwuka nti yari amenyerewe Umwuka wa Samuel muri icyo gihe yari umwana muto ufite iyerekwa agitangira ndetse n'Umwuka mushya yarahamagariwe gukora umurimo w'Imana ahera imbere ya Eli. Kuva ubwo Abisirayeli bamanya uburyo bw'Umwuka bwuguruye kubera ko yari afite iyerekwa kandi akajyana no kubaha Umwuka.

Ku rundi ruhande Eli n'abahungu be bapfuye imfu zidasanzwe kuko batari bafite iyerekwa ry'Umwuka no kubaha umwuka. Batukishije inzu y'ubutambyi kandi ntibarinze itabaza rya Adonayi ryaka rishashagirana rukomeza urwabya rugaragaza kubahisha ibyaremwe byose.

Yobu 21 :17 Ni ryari itabaza ry'abanyabyaha rijya rizima,ibyago byabo bikabageraho,Imana ikabitura imibabaro ibitewe n'uburakari bwayo ?

Mwige inyandiko kuva 25:31-37

Yesaya 11:1-2

Ibyahishuwe 4:5

Ibyahishuwe 2:1-3

Ibyakozwenintumwa 2:1-3; umunsi wa Shavuot (Pentekoti) usohoye bose bari hamwe mu mwanya umwe bahuje umutima. Nuko umuriri ubatungura uvuye muijuru umeze nk'umuyaga uhuha cyane ukwira inzu bari bicayemo. Haboneka indimi zigabanijemo gisa n'umuriro, ururimi rujya ku muntu wese wo muri bo.

Kuzimya itara k'umuntu ni urupfu rwe.Rwaba ari urupfu rwiza niba itara rye atari icyaha.

Imigani 21:4 kurebana igitsure n'umutima w'ubwibone,ni byo rurimi rw'abanyabyaha byose ni icyaha.

Abanyabyaha bashobora kugira indi menorah, ibihe ku murimo mu mibiri yabo, imirimo y'ibyaha no guhatiriza imyuka y'ibibi.

Imigani 6:16-19, hariho ibintu bitandatu ndetse birindwi Uwiteka bimubera yanga bimubera ikizira ; amaso y'ubwibone,ururimi rubeshya,amaboko avusha amaraso y'utariho urubanza,umutima ugambirira ibibi, amaguru yihutira kugira urugomo,umugabo w'indarikwa uvuga ibinyoma,n'uteranya abavandimwe.

Ibintu birindwi Adonayi yanga ni igisubizo cy'itabaza cy'umwuka w'ibibi byo umuntu yahisemo maze akabirutisha itabaza ryera rya Adonayi.Iyo myuka mibi yashaka gutwara urwabya rw'umuntu ngo rutabikwe.

Icyitonderwa indimi z'umuriro zagumye ku bigishwa ba Yoshua, mu mwanya imyuka irindwi ya Adonayi izaguma ku ishami rya Adonai muri Yesaya 11

Sobanura gusendezwa Umwuka Wera icyo bisobanura.

Yakobo yerekanye atya itabaza ry'abanyabyaha

Yakobo 3 :5-6 n'ururimi narwo niko ruri.Murebe namwe naho ishyamba ryaba ari rinini rite uburyo ritwikwa n'agashashi gato cyane,kandi ururimi ni umuriro yemwe ni ububi bungana n'isi !

Ururimi rwashyizwe mu ngingo zacu nirwo rwonona umubiri. Maze iyo myuma mibi imuvutsa amavuta y'Umwuka Wera akomeza ibyaremwe byose. Amavuta y'Umwuka Wera aza aza aciye mu mibabaro,ari yo mpamvu dutegetswe gusangira imibabaro ya Yeshua Mesiya.Nta Elayo

mbisi mu itabaza. Ahubwo Elayo ibanza guhonyorwa kugirango itange amavuta. Uyu ni umugani w'abakobwa batanu babanyabwenge. Amavuta y'abanyabwenge aboneka kabanje gushyirwaho igititu kandi twizeye amavuta asaga y'itabaza ry'Umwuka.

Mu mibabaro yo kureka icyiza n'icyera tuzimya itabaza ry'abanyabyaha ryagerageza kwakira muri twe. Uru ni urupfu rwa kamere rwihutira kurwanya Umwuka Wera wa Adonayi,kandi ni urupfu rwiza kuko rwirukana amaso y'ubwibone,kwirarira amagambo atandukanya inshuti zagatandukana.

Imyuka irindwi ya Yeshua Mesiya ni yo dushaka kugira ngo tubambe ihema ry'ibonaniro buri munsi mu mibiri yacu.

Yesaya 11 :1-2 Mu muryango wa Yesayi hazakomoka agashami mu mizi ye hazavuka ishami ryere imbuto ; Umwuka w'Uwiteka azaba kuri We,Umwuka w'ubwenge n'uwubuhanga,umwuka wo kujya inama,uw'imbaraga,umwuka wo kumenya Uwiteka n'Uwo kumwubaha.

Mu mibabaro yo kureka ibyiza n'ibyera, tuzimya itara ry'abanyabyaha rishobora kugerageza kwakira muri We.

❖ UMWUKA W'UBWENGE CYANGWA RUACH CHOKHMAH

Umwuka w'ubwenge si ubwenge bwa kavukire nkuko bivungwa mu rurimi rw'Icyongereza no mu Giheburayo.Ni ubwenge bw'ibanze,bukaba ari ubwenge buhabwa buri kiremwa muntu.Bitekerezeho nko koga,kubaka amatafari, umwuka w'ubwenge ni ukugira ibitekerezoz bivumbura,umwuka wa vuba ukorera mu mutima.

Zaburi 90:12 Utwigishe kubara iminsi yacu, uburyo butuma dutunga imitima y'ubwenge.

Mu kumva umunsi umwe w'ibyaremwe ni icyitegererezo twakurikira. Elohimu utagira aho ugarukira ntiwapima ibyo akora mu munsi umwe cyangwa mu cyumweru ni na ko bimeze ntiwabasha kubara imirimo y'Umwuka Wera mu gihe runaka wakwita umunsi umwe, cyangwa umunsi umwe wo kurema. Yashyizeho icyitegererezo kugira ngo natwe dushobore kubara umunsi umwe wo kurema.

Yashyizeho icyitegererezo ngo natwe dushobore kubara iminsi yacu,We rero ntagira aho agarukira nyamara inzabya zo mu isi zo zigira aho zigarukira ku gihe runaka.

Igihe cyacu kizaza giterwa n'ubushobozi bwacu bwo kwicisha bugufi tubiheshejwe n'Umwuka Wera imbere ya Elohimu ufite ubwenge bwose. Niba duca bugufi kandi tukabara neza iminsi yacu mu bwenge bijyanye n'imyuka irindwi ya Adonayi tuzagaragaza umutima wuzuye Umwuka Wera mu kuboneka kwa Mesiya Yeshua wacu. Urwabya rujya kubaho iteka ryose Imana yari ibizi birababaje kubona inzabya zose ziriho ku isi ziri kwirarira nyamara ziri gusuzugura gupfa kwazo. Ubwenge ni imbaraga z'umutimanama w'umuntu ubwe uko tubibona

bwa mbere kuri Elohim, Umuremyi, kandi ibikorwa byacu byo kubaha Imana bya mbere. Iyo ivuze ngo habeho ni urukundo rwa mbere rutekereza ku mucyo wa mbere w'ibyaremwe.

Ubwenge buvugwa ku ruhare rw'umuntu mu gitabo cy'Imigani nk'umugore uririra inyuma y'umugabo ahantu hahurirwa n'abantu benshi ameze nk'utagira ubwenge uhamagarira ahantu hameze nabi. Ubwenge busaba umwana w'umusore kwiga umuntu ufite ubuzima buzira umuze n'inzira nziza z'umuremyi.

Mwige ibyanditswe Imigani 1:8

Ubugwaneza

Kumenya kubaha Adonayi

Urufatiro rw'indi myuka na Adonayi

Imbuto z'ubwenge

- *Ziraboneye*
- *Ni izamahoro*
- *Gutekereza neza*
- *Zigira impuhwe*
- *Zirizerwa*
- *Ntizigira uburyarya.*

Umwuka w'ubwenge dushishoje neza uhujwe n'umwuka wo guhishurirwa ibya Adonayi, rimwe na rimwe byitwa kubaha Adonayi. Na none guhuzwa n'imyumvire y'ubugwaneza imbere y'umuremyi. Guhishurirwa umuremyi wacu bituganisha kukurarika umwuka w'ubwenge mu buggingo bwacu. Abantu birarira bashobora kwiga gake, kuko hari icyumba gito kuri bo bageneye ubwenge bw'Imana niba umutima waramaze kubyimba kandi ukuzuzwa no kwirarira ndetse n'ubwenge bwa muntu, ubwo ni ubukene bwo guhura n'umwuka w'ubwenge n'ukuri.

UMWUKA W'UBWENGE NK'ICYATUMYE HABAHO KUREMA

Imigani 8:12

Uwiteka mu itangiriro ry'imirimo yarangabiye, ataragira ikindi arema. Uhoreye kera kose narimitswe, uhoreye mbere na mbere isi itararemwa. Ikuzimu hatarabaho naragaragajwe, amasoko adudubiza amazi menshi ataraboneka. Imisozi miremire itarahagarikwa iyindi itarabaho naragaragajwe. Ubwenge bwagabiwe mu itangirirory'inzira yabwo 'ibi birasobanutse neza ijambo rya mbere ry'igice cya mbere cy'itangiriro, B'reishbar, Elohim....., cyangwa mbere na mbere, Imana.....). Inzira yabyo n'indi nshoberamahanga. Rimwe mu mazina ya mbere y'itsinda rya Yeshua ry'abigishwa ryari rya inzira. Abigishwa intumwa n'abizera ntibakurikiye inzira ya Yeshua ahubwo bakurikiye inzira ya Elohim washinze mu cyumweru cyo kurema binyuze mu ishami rye ry'Umwuka

Wera.Inzira ni ukubabaha ubwami bufatika bwo kurema guhumetswe kandi gutegetswe n'Umwuka Wera. Uwambere muri iyo myuka wavuye aho uri ni umwuka w'ubwenge.

Imigani ntirimo gusa inshoberamahanga ziganisha ku mwuka w'ubwenge nk'icya mbere cyo mu kurema. Umuhanuzi Yeremiya yaravuze ati “Yaremesheje isi ububasha bwe,yakomeresheje isi ubwenge bwe,kandi ububasha bwe nibwo yabambishije ijuru. **Yeremiya 51:15**

Uyu murongo cyo ugamije umwuka w'ubwenge wabanjirije itandukana ry'isi n'ijuru n'umwuka wo kumenya. Wiranze nkukora ku munsi wa kabiri wo kurema.Ubu rero twahamya neza dushyira imyuka ibiri ya Adonayi ku minsi yayo ikurikirana uko yakoze;uw'ubwenge ku munsi wa mbere n'uwo kumenya ku munsi wa kabiri.

Umwuka w'ubwenge wari uhari maze uzana umucyo wa mbere wo kubaha mu mwijima n'icuraburindi amanywa ya mbere. Ibi bihagarariye uko umwijima w'ubujiji bw'icyaha umuntu yasubiza ko umwuka w'ubwenge uhora kuri Mesiya Yoshua.

Umubwiriza 2:13 Nuko mbonako ubwenge buruta ubupfapfa nk'uko umucyo uruta umwijima.

Zaburi 104:24 Uwiteka erega imirimo yawe ni iy'uburyo bwinshi, yose wayikoresheje ubwenge, isi yuzuye ubutunzi bwawe.

Ikibazo

Ni gute Umwuka w'ubwenge winjiza umunsi wa mbere wo kurema inkomoko y'umucyo ku isi? Mbese umwuka w'ubwenge waba ufite ikintu wakoze ku munsi wa mbere wo kurema?

¶ UMWUKA WO GUSOBANUKIRWA CYANGWA Ruach Binah

Hari uburyo byibuze bubiri bwungikanyijwe busobanura Binah. Icyambere ni itandukanya cyangwa ishyirwa ryo mu byiciro. Binah umwe yakora itsinda risa n'ibantu cyangwa ikintu kitari icy'iri tsinda. Ibi bisobanura rimwe na rimwe nk'irondora ry'imyuka. Inkomoko y'ijambo Binah cyangwa Turuah riva ku ijambo ry'Igiheburayo Boneh cyangwa kubaka. Yeshua yaje nk'umwubatsi kugira ngo yerekane umwuka wo gusobanukirwa.Binah bishobora gusobanura kubaka cyangwa gusobanukirwa (kumenya)uhereye mu kubaka iby'ubwenge. Dushobora kubaka uburyo bwinshi bwo kumenya.

Ikintu gishimishije kibangikanye n'umwuka wa wa Binah (wo kumenya) ni uko hombi isobanura kubaka ubu busobanuro ni ubwa kabiri ku rutonde, igendanye n'umubare kabiri mu Giheburayo (inyuguti ya kabiri kurutonde rw'inyuguti alphabet) ni beit,dusobanuye ku buryo bworoshye bisobanuye rivuga inzu.Inzu ni ubundi buryo iyo turebeye mu Byanditswe turebeye ku rusengero.Ijambo ry'Igiheburayo ry'Umwuka ni Ruach,rikaba izina riri mu gitsina gore rwose harimo agakino gashimishije.

Imigani 14:1Umugore w'umutima wera yubaka urugo.

Ubwenge ni Umwuka wa mbere wa Adonayi kandi gutandukana kwe kwa mbere ni ukubaka urugo rwe.Ubuturo bw'umwuka wa Adonayi,kuva ku ihema ry'ibonaniro na nyuma yaryo urusengero rwarubatswe kugira ngo Adonayi ashobore gutura mu bantu,si ibwiriza ubwaryo,hari isi yo kumenya muri iriya mvugo ngufi.Umwuka w'ubwenge wakoreye bwa mbere mu mwuka w'ubwenge, ujya ku murimo ako kanya wo kubaka ubuturo bw'umwuka wera wayo ku isi.

Gusa igihe urwo rusengero rwarangije ku munsi wa gatandatu ni wo munsi umuntu yaremewe kugira ngo yakire uwo mwuka wera.

Mwige Ibyahishuwe

Imigani: 9

Imiterere y'Umwuka wo Kumenya

- *Urasobanura*
- *Uratandukanya*
- *Urubaka*
- *Urategura*
- *Urashungura*
- *Uhaza n'ubumana*
- *Uteranya amazi y'umwuka(yo mu ijuru)kuyobora(amazi yo ku isi)ya kamere.*

Nko kwiyibutsa, umwuka wo kumenya wategetswe gutandukanya amazi n'andi mazi ku munsi wa kabiri wo kurema.

Yeremiya 51:15 (Ni We)yaremesheje isi ububasha bwe yakoresheje isi ubwenge, kandi ubuhanga bwe ni bwo yabambishiye ijuru.

Gutandukanya iremwa mbere y'icyaha byaba byiza ntibiteza urupfu nkuko byaruteje nyuma y'icyaha.Gutandukanya amazi n'andi mazi ku munsi wa kabiri;Elohimu ashviraho uburinzi bw'isanzure bw'ijuru,ingabo yo kurinda isi, imirasire y'izuba yakwangiza n'igituma ibintu bikura n'igitera ubuzima ku isi. Gutandukanya ni ngombwa mu rwego rwo gushyira hamwe amazi ku munsi wa gatatu kugirango ubutaka bwumutse buboneke n'ibyatsi nabyo bikure. Tekereza ku mwuka wo kumenya nk'ubushobozi bwo gutandukanya ibibigize no kubaka mu rwego rwo gutegura ibidukikije byinshi byiza kugira ngo twakire imbuto z'ubuzima bw'ejo hazaza.

Mu mvugo yo kubaka urusengero rw'ukuri, uku gutandukanya ibikoresho n'ibyo mu ruganda ni ngombwa ni ngombwa mbere yuko inzu yubakwa. Uyu ni wo mutwe w'ijambo gutteranywa.Mu magambo y'ibitekerezo kandi batekerezaho umuntu ashobora gutandukanya urufunguzo rw'ihame cyangwa amabwiriza n'ibyo wahawe maze ugatangira kubishyira mu nzego.Ku rutonde no gushushanya ibitekerezo byaganisha mu nzira zisa zityo.

Yabikora mu magambo nta bikorwa cyangwa agatondeka ibitekerezo. Ayo magambo nta bikorwa yakwagura ibitekerezo mu gihe gikurikiraho ibikorwa bikabona kuza nyuma.Iyo igerageza ribaye nk'igisubizo cyo gukoresha umwuka w'ubwenge no kumenya kubaka ibitekerezo),tuba twateye intambwe tujya mu mwuka w'ubujyanama.Umwuka w'ubujyanama uzagerageza ayo magambo atagira ibikorwa yakura hanze ubugingo n'indabyo mu buryo nyakuri.

UMWUKA W'UBUJYANAMA CYANGWA RUACH ETZAH

Umwuka w'ubujyanama ni ugushyira mu bikorwa imyuka yombi;uw'ubwenge no gusobanukirwa mu buryo nyakuri cyangwa mu buryo nyabwo cyangwa kugira inshuti irambye.Igeragezwa ry'ukuri ry'Umwuka w'ubujyanama ni ubushishozi bwo kwakira inama,umuntu ashobora kwakira ubwenge buvugitse neza nyamara agafata umwuka wa Binah wo kurobanura niba ari ukuri cyangwa inyigisho z'inzoka.Aha ni ho umwuka w'ubujyanama ukura izina ryawo.Ubujyanama mu Giheburayo ni etzah,umuzi wa ryo ni etz, bisobanura igit.Rimwe na rimwe ibiti bisobanura ubujyanama mu byanditswe, nko mu biti by'imikindo bya Debora cyangwa mu biti by'imyeloni.Birumvikana inzoka yatanze ubujyanama butari ubw'ubwenge bujyanye n'igit cyera imbuto zihumanye.Umunsi wa gatatu wo kurema waranzwe no kuboneka kw'ibimera byera imbuto by'umwihariko ibiti (etzim).Bityo umwuka w'ubujyanama uhuzwa n'umunsi wa gatatu.Ku munsi wa gatatu wo kurema ibiti etzim).Bityo umwuka w'ubujyanama uhuzwa n'umunsi wa gatatu wo kurema ibiti byera imbuto byavuzwe ngo bibebo.

Itangiriro 1:11-13 Imana iravuga iti "Ubutaka bumere ibyatsi n'ibimera byose byerere imbuto ku butaka n'ibiti byerere imbuto ku butaka,igiti cyose cyere imbuto zikwiriye imbuto zacyo.Ibimera byose byere imbuto zrimo utubuto twabyo dukwiriye amoko yatwo.Imana ibona ko ari byiza, buragoroba buracya.Uwo ni umunsi wa gatatu.

Mu rutonde umwuka w'ubujyanama ni uwa gatatu ni umuyoboro ukomeye ku byabaye mu muzuko wo mu byanditswe.Ivuga umuzuko wa Yona mu buryo buzimije nk'ikimenyetso,umunsi w'ingenzi cyane wa gatatu wo kuzuka ni uwa Yeshua. Umunsi wa gatatu wo kuzuka ugendanye n'inyungu ya gatatu y'igihembwe. Inkomoko y'ijambo Gamal bisobanura kwera imbuto,guhisha kw'imbuto,guhemba,kubona inyungu cyangwa kubona ibihembo.

Guhisha kw'imbuto ku munsi wa gatatu birahamya uyu mutwe wo guhisha kw'imbuto.Ubwoko bumwe bw'inshinga "gamel" bisobanura kumurika umwana. Mu bihugu bimwe na bimwe bagira umuhango wo kumurika umwana mu gih ecy'imyaka itatu. Bijyanye nuko igit cyakwerera imyaka itatu kigasarurwa mu mwaka wa kane.Umuhinzi ntiyarya imbuto za cyo bitaragera ku myaka itatu.

1 Samuel 1:20:Igihe gisohoye Hana asama inda bukeye abyara umwana w'umuhungu amwita Samweli kuko yari yaramusabye Uwiteka.Maze uwo mugabo Erukana n'abo mu rugo rwe bose barahaguruka bajya gutambira Uwiteka igitambo cy'uwo mwaka no guhigura umuhigo.Ariko

Hana ntイヤヤヨ abwira umugabo we ati “ Sinzajyayo umwana ataracuka ariko namara gucuka nzajya kumumurikira Uwiteka agumeyo iminsi yose.” Umugabo we Elukana aramubwira ati “kora icyo ushaka. Ugume aha kugeza ubwo uzamucutsa. Cyakora Uwiteka nakomeze ijambo rye”. Nuko uwo mugore aguma aho yonsa umwana we kugeza aho yamucukirije. Amaze ku mucutsa aramuhyana I Shilo mu nzu y’Uwiteka kandi umwana yari akiri muto nuko babikira imfizi bazanira Eli umwana. Uwo mugore aravuga ati ‘Nyagasani, ndahiye ubugingo bwanjye ninje wamugore wari uhagaza iruhande rwawe bwabundi nsaba umwana Uwiteka. Uyu mwana ni we nasabye kandi Uwiteka yampaye icyo namusabye. Ni cyo gitumye mutura Uwiteka, azaba uwatuwe Uwiteka iminsi yose yo kubaho kwe.” Ni ko Hana yaseneye Uwiteka aho ngaho.

Imiterere y’ubujyanama

- *Kwigisha Torah ya Adonai*
- *Kwera imbuto nziza n’ubuturo*
- *Utanga ibyiringiro by’eo hazaza*
- *Iteka*
- *Izuba rikurikira umwijima uhuza umuntu n’ahandi*
- *Kugubwa neza*
- *Igerageza ry’ukuri n’Umwuka w’ubujyanama nuko wakira*
- *Uhereye ku byo uzi by’utubuto*

Sobanura niba iyi miterere ari yo cyangwa atari yo.

Abalewi 11:23 Kandi nimugera muri icyo gihugu mukamara gutera ibiti by’amoko yose byera imbuto ziribwa, muzabanzé guhwanya imbuto zabyo no kudakebwa k’umuntu bizamare imyaka itatu bibabereye nk’ibitakebwe. Ariko mu mwaka wa kane, imbuto zabyo zose zizabe izerezwe gushimisha Uwiteka. Mu mwaka wa gatanu abe arimo mutangira kurya ku mbuto zabyo kugirango bijye biberera umwero wabyo. Ndi Uwiteka Imana yanyu.

Birumvikana ko aya mabwiriza yubahirijwe kuva kukuremwa kuko ntagifite ubuzima yaba ifi cyangwa inyonu yashoboraga kuribwa bitageze mu munsi wa gatanu wo kuremwa. Ku munsi wa kane ujyanye n’Umwuka Wera, imbuto zasigirwaga Adonayi. Mu masomo azakurikiraho azaba ari ukureba imbuto umunsi wa kane wo kurema zari “izera, igitambo cy’ishimwe ku Uwiteka” ku munsi wa gatanu inyonu zariyongereye ku isi.

Umwuka w’ubujyanama ugira uruhare ku bwenge no kumenya gufata ibyemezo byo gushyira mu bikorwa ibyigishijwe n’ubujyanama.

Umwuka w’ubwenge n’uwo kumenya Yeshua. Abigishwa ba Torah barayitiranije, abanditsi, abayobozi b’amatorero, ndetse yaba n’umutegeka w’umuroma igithe bamubazaga mu nkiko z’urusengero n’ibwami ku gitambo cya Pasika. Mu ruhande rwa Yeshua yiciwe ku giti, etz, ikimenyesto cy’ubujyanama, etzah, nyamara azuka ku munsi wa gatatu mu mbaraga z’ubugingo buzira icyaha. Umwuka wera w’ukuri w’ubujyanama wamuciriye urubanza usaga atagira icyaha maze umukura mu nzu y’imbohe.

Umwuka w'ubujyanama ufite mu izina ryawo cyane umuzuko. Etzim ni ibiti byera imbuto n'utubuto tw'imbere. Akabuto kerekana gutanga ubugingo bufite imbaraga kandi n'ubugingo bw'igihe kizaza buzakomera. Iyo igit iifite kwizeza ejo hazaza, Umwuka w'ubujyanama bwiza bwizeza uwafuye azimije n'imbuto zapfuye kugira ubugingo bushya. Ni urubuto rwizeza ubugingo bushya kuzasa n'igit iifite cy'umwimerere.

Urubuto rwasezeranijwe muri Yeshua rw'umugore, twakwizera ko gupfa kwacu kuzazurirwa kubona ubugingo bushya ko tuzasa n'uwbambye urupfu ku git, cyamaze guhinduka igit iifite cy'ubugingo, n'ijambo rifite ubugingo kuri twe.

Niba tuzapfana na Yeshua atuzura buri munsi mu mwuka Mwuka w'ubujyanama . Umwuka w'ubujyanama ufite umuyoboro w'ibyaremwe uganisha ku iteka ryose. Ni ubugingo buzimije iyo urusengero rwo kumenya rutangiriye ku kubyara abana b'isezerano. Uburyo bwiza bwo gusobanura imbaraga z'umuzuko uboneka muri **Matayo 27:52-53:** Ibituro birakinguka, intumbi nyinshi z'abera zari zarasinziye , zirazurwa bava mu bituro, maze amaze kuzuka binjira mu murwa wera babonekera benshi.

Muri uyu murongo imbaraga za Yeshua ntizerekana kuzuka ku munsi wa gatatu gusa ahubwo zerekana no kwera imbuto. Imbuto yabaye umuzuko bw'abana b'Imana n'utubuto twa Abrahamu ku bakiranutsi bapfuye. Aba bakiranutsi babagabo n'abagore basa n'urubuto ruboneka mu gupfira mu mwijima ariko rukazukira mu mucyo iyo umubibyi w'imbuto, ijambo ribeshaho umuntu, usarura imbuto za mbere, zuzura urusengero rwa Data, inzu ya data aho abami bateranira inshuro eshatu mu mwaka yari urusengero rw'abisirayeli.

Umwuka w'ubujyanama wahindukira iyo umuntu ananiwe kubahiriza Torah(amategeko y'Imana cyangwa umujyanama aba abaye umunyabyaha.Umwuka Wera ni ubujyanama uzana ubugingo bundi n'iteka ryose ku byaremwe, ntuzana urupfu.

¶ UMWUKA WA ADONAI CYANGWA RUACH ADONAI

Umwuka wa Adonanai ukorera mu myuka itandatu ya Adonai, na none uzwi nk'Umwuka Wera. Iwushushanya nl'ishami ryo ku git, kuri memorah (itabaza) rugaburira kandi ryunganira andi mashami atandatu. Uyu uzwi nk'Umwuka uboneka mu isezerano rishya "uzatuma mugendera mu nzira yanje" mu isomo rimwe inzira yavuzwe nk'inzira ya Yeshua. Yari yo kandi niyo nzira y'Umwuka wa Mesiya yo abizera bagomba gukurikira. Inzira yashyizweho ku cyumweru cyo kurema n'ubu iracyari inzira y'ubutumwa bwiza. Ezechiel avuga iby'isezerano rishya n'inzira izatuma abakiranutsi bayigenderamo.

Umwuka wa Adonai usobanura kandi ukayobora umwuka uzengurutse imikorere y'umuntu y'ubo mwuka mu izina ry'umwihariko cyangwa imikorere yaryo. Ku bw'yo mpamvu dushyira umwuka wa Adonai mu gihimba muri memorah (itabaza). Ibi byasa no gufinda nyamara nk'imyuka idasanzwe yakoze k'umunsi wa gatatu nk'uko ibyanditswe bibigaragaza, tukabyumva neza mu minsi itatu ya mbere uko ibyanditswe bigaragaza habaye umwihariko w'imyuka:

umwuka w'ubwenge no kumenya ndetse n'ubujyanama ku munsi umwe,uwa kabiri n'uwa gatatu.

Hagiye haboneka mu nyigisho z'abigishwa n'abayuda ko hagati ya memorah (itabaza) ni Ruach Adonai (Umwuka wa Adonai) imirasire itandatu,itatu kuri buri ruhande. Umwigisha Hirsch agira icyo yongera ku magambo yo Kuva 25. Inyandiko izemeza kuri iri shyirwaho nk'isomo rikomeza.

Niba ibiti bizi ibihe no kwiringira umucyo w'ibanze Umwana w'Intama nkuko byabayeho umunsi wa mbere wo kuremwa, ni gute umucyo w'izuba n'uw'ukwezi byaba ingirakamaro cyane nk'aho byashyizwe hagati ho kurema? Ni kuki moedin (ibihe,ibihe n'iminsi mikuru byerekanywe cyane) byaremwe ku munsi wa kane?

Iyo usomye Itangiriro 1:14 mu Giheburayo igisubizo kiragaragara neza. Moedin (ibihe) ntibifitanye isano n'izuba n'ukwezi,nyamara izuba n'ukwezi,n'inyenyeli byerekana ibihe,umucyo cyangwa ibimenyetso, byaba kw'isi ku manywa cyangwa n'ijoro.

Zaburi 75:2-3 Nimbona igithe cyashyizweho,nzaca imanza zitabera.Isi n'abayibamo bose bacika igikuba, ni njye wateye inkingi zayo.

Adonayi yakoresheje ikintu cy'iteka Umwuka we Wera,imyuka irindwi ya Mesiya ayiremesha isi.

